Republic of Rwanda

nisr
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA




# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UKUBOZA 2025

10 Mutarama 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw'Ukuboza 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 8% ugereranyije n'Ukuboza 2024. Ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2025 byari byiyongereyeho 7,2%.

Mu kwezi kw'Ukuboza 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 16,7%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 70,8%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 9,4% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 17,4%.

Ugereranyije Ukuboza 2025 n'Ukuboza 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 8,9%.

Ugereranyije Ukuboza 2025 n'Ugushyingo 2025, ibiciro ntibyahindutse.

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukuboza 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 3,3% ugereranyije n'Ukuboza 2024. Ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2025 byari byiyongereyeho 2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukuboza 2025 ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,4% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 14,6%.

Ugereranyije Ukuboza 2025 n'Ugushyingo 2025, ibiciro byagabanutseho 0,9%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,7%.

## C. biciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukuboza 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 5,2% ugereranyije n'Ukuboza 2024. Mu kwezi kw'Ugushyingo 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 4,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukuboza 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 15,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,9%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 63,6%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 7,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,2%.

Ugereranyije Ukuboza 2025 n'Ugushyingo 2025, ibiciro byagabanutseho 0,6%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,4%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukuboza 2024 kugeza m'Ukuboza 2025.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2024 | 2025 | | | | | | | | | | | |
| | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 6,8 | 7,4 | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 |
| Mu byaro | 6,2 | 4,5 | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 |
| Mu Rwanda | 6,4 | 5,7 | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | -0,8 | 0,5 | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 |
| Mu byaro | -2,1 | -2,9 | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 |
| Mu Rwanda | -1,6 | -1,6 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw